
# KINYAMATEKA

Ubwanditsi : B.P. 761 KIGALI
Tél. 576164
Icapiro : Kinyamateka
B.P. 761 KIGALI
Tél. 576164
E-mail: km@rwanda1.com
*http: //www.kinyamateka.org.rw*

Mutarama II 2005 - Umwaka wa 72 N° 1661- numero imwe 100 Frw



## Bibiliya igezweho

Amatorero yo mu Rwanda amaze gufatanya na Kiliziya Gatolika gukora Bibiliya mpuza-madini no kuyitangariza abakirisitu. Abantu batangiye kwumva ko tuvuga rumwe aho kuvuga indimi ebyiri. Igihe cy'intambara y'amadini cyarahise, ariko igihe cy'amadini y'ibyaduka cyo ntikirarangira.

Ayo madini acengera buri munsi mu gihugu cyacu ateye inkeke abantu bose, usibye abayashinga n'udutsiko tw'abayoboke babo. Iyo wibeshye ukayita ibyaduka intambara irarota. Iyo uvuze ko beneyo bakorera mu kajagari birushaho kuba bibi. Bavuga ikigondoye umuhoro ukarakara. Ako kajagari ni ukutagira urusengero maze amanywa n'ijoro impanda zikoroma ku gasozi, hagati y'amazu, mu mazu rwagati, ngo ubwo ni ugusingiza Uhoraho. Mbese ntaho bitaniye n'imandwa zo hambere aha. Amagambo menshi, urusaku rushyira induru, umuziki unyura mu ndangururamajwi bitanga ambiance maze zigata inyana ; abahisi n'abagenzi bagahundagara. Ubwo twe twabuze abapadiri bahagije, abapasitori b'ayo madini ntumenya aho bavumbutse.

Uwari umuboyi, uwari umushumba, uwarangije uwa kane cyangwa uwa gatanu yikunkumuramo umubwiriza wa kabutindi maze yakwanzika asobanura Bibiliya ukaba wakeka ko abifitiye impamyabumenyi y'ikirenga. Icy'icumi cya buri kwezi gihita gisobanurwa cyane maze umusaruro ukaboneka, rimwe na rimwe ako kayabo kakagenda nka nyomberi, ndetse n'umubwiriza akajya gushinga idini rindi ahandi. Iyo ugereranije na twa duseke two mu Kiliziya n'amaturo asanzwe, usanga harimo ikinyuranyo, usibye ko n'abakirisitu bamwe basigaye binuba ngo uduseke dusigaje kugera no mu misa y'abapfuye. Abarebera kure bahamya ko ngo iyo hashyingiwe umukire, Padiri mukuru yicinya icyara, ndetse akizera ko abageni baza gukererwa kugira ngo abace ibihumbi makumyabiri by'indishyi z'akababaro.

Niba tumaze gutera intwambwe yo kugera kuri Bibiliya mpuzamadini, niturusheho guhuza imikorere mu iyobokamana, mu majyambere, mu burezi, turengere cyane uburezi kuko bimaze kugaragara ko Leta nayo idutungura ubutitsa, ugasanga iby'amashuri buri gihe bihindura isura, nkaho bitagira gahunda. Ku bijyanye n'uburezi mu mashuri hakwiriye indi bibiliya nshyashya ihuza Leta n'amadini.

**P.D. KAREKEZI**

# TRIBUNE LIBRE


⌘ La terre, denrée rare et convoitée....................................9

⌘ Eglise Catholique, "Gender" et promotion de la femme ....................................10

⌘ Voeux de nouvel an de S.E. Mgr. Anselmo Guido Pecorari au Président de la République ...............11

⌘ Aide humanitaire aux victimes des Tsunami; une générosité qui donne à penser!................12




# Abashumba ba Kiliziya Gatolika bo mu Rwanda na bamwe mu bafasha babo ba hafi, bagiranye umubonano na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Pawulo Kagame

IBINDI BIRIMO

Urup.:


⌘ Kiliziya nshya ya Paruwasi ya Kicukiro yatashywe ku mugaragaro.......................................................2

⌘ Urubanza rwa Kajeguhakwa na BACAR............................4

⌘ Bibiliya Ijambo ry'Imana yamurikiwe abakristu................6

⌘ Uburenganzira bwa muntu muri Gacaca............................5

⌘ Leta n'inzego z'ubuyobozi byari bikwiye kwita ku rumiri n'imvugo by'ikinyarwanda ...............14-15

⌘ Ese abaturage byabamariye iki ? ........................................16

⌘ Shampiyona y'igihugu mu mupira w'amaguru itangiranye ubusumbane hagati y'amakipe ....................19

# Kiliziya nshya ya Paruwasi ya Kicukiro yatashywe ku mugaragaro.

Ibyishimo byari byose tariki ya 19 Ukuboza 2004 ubwo imbaga y'abakirisitu ba paruwasi ya Kicukiro n'inshuti zayo baturaga igitambo cy'ukarisitiya muri kiliziya nshya abakristu b'iyo paruwasi biyubakiye. Byari mu rwego rwo kuyitaha. Iyo mihango mihango yari yitabiriwe n'intumwa ya Papa mu Rwanda Musenyeri Anselmo Guido Pecorari, Nyiricyubahiro Musenyeri Tadeyo Ntihinyurwa umushumba wa Arikidiyosezi ya Kigali ari nawe wayoboye igitambo cy'ukarisitiya, hari kandi na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Cyanzayire Aloysie, Sekereteri wa Leta Mugorewera Drocelle, Minisitiri Mitali Protais, Depite Kalisa Evaliste, abapadiri, umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro, abihayimana benshi n'imbaga y'abakirisitu yari yaje kwishimira iki gikorwa cy'ingenzi bagezeho.

### Don Bosco yahawe umugisha

Mu gutangira igitambo cy'ukalisitiya, Paruwasi ya Kicukiro yitiriwe Mutagatifu Bosco yabanje guterwa amazi y'umugisha. Mu gihe cyo gusobanura ivanjili , umushumba wa Arkidiyosezi ya Kigali yagize ati:" Ni mu ngoro y'Imana turonkera impuhwe z'Imana n'urukundo twibikira mu gitambo cy'ukarisitiya. paruwasi ya Kicukiro iri hafi kuzibaruka izindi eshatu zirimo Remera ndetse yo inda ni nkuru. Paruwasi ya Kicukiro ifite abasaseridoti babiri ndetse n'abihayimana benshi kurusha ayandi kuko ifite imiryango y'abihayimana igera kuri 19. Umushumba wa Arkidiyosezi ya Kigali yongeye gusaba abakristu ba Kicukiro kurangwa n'umutima umwe bakumva ko bose ari abana b'Imana; ababyeyi nabo bagatoza abana babo gukunda Imana, igihugu n'abantu kandi ngo ntihakagire ubatizwa ngo aterere iyo ahubwo imirimo ya gikristu igomba gukomeza.

Nta byera ngo de, akenshi ibyiza bijyana n'ibibi. Mu gihe hategurwaga uwo munsi ku wa gatandatu tariki ya 18, haje kugwa imvura nyinshi cyane yari ivanze n'umuyaga maze abana bateguraga aho ku Kiliziya bugama mu nzu yari iri aho ku ruhande. Umuyaga waje kuba mwinshi maze usambura ya nzu, bimwe mu byari biyubatse byabaguye hejuru maze umwana witwa Akiri Ephrem yitaba Imana abandi nabo barakomereka. Uwabaye igitambo Imana imwakire mu bayo.

### Ibirori byarakomeje

Missa ihumuje, ibirori byakomereje kuri sitade ya ETO Kicukiro.

Padiri mukuru w'iyo paruwasi yatangiye basaba ko bahaguma barabyemererwa, mu kwezi kwa cumi kw'umwaka ushize nibwo basezeye bamaze imyaka 41 muri iyo Paruwasi. Nkuko padiri mukuru yakomeje abisobanura, Paruwasi ya Kicukiro ni imwe muri 7 z'Arkidiyosezi ya Kigali agace k'umujyi wa Kigali. Ifite ubuso bwa kilometerokare 255 n'abakirisitu bagera ku bihumbi mirongo itandatu. Igabanyijemo santarali enye arizo Gatare, Gahanga, Busanza na Kicukiro. Mu majyaruguru ikikijwe na Paruwasi ya Gishaka, mu majyepfo yayo hari paruwasi ya Nyamata, i burasirazuba hakaba Ndera, naho i burengerazuba bwayo hakaba Paruwasi za Gikondo, Nyamirambo, ni iy'Umuryango Mutagatifu.

Paruwasi ya Kicukiro kandi ibigo bine by'amashuri abanza igenzura. Irimo ibigo bitandatu by'abapadiri, bitatu by'abafurere na cumi na bitanu by'ababikira. Ifite kandi ifite ibigo bibiri by'imfubyi, ikigo kita ku barwayi ba Sida n'ikigo cy'urubyiruko cyo mu Gatenga, ibyo byose bikaba biyoborwa n'abihayimana bo muri iyo paruwasi.

### Kubaka byatwaye akayabo

Ibyo ni ibyagaragajwe na Nsabimana Gratien wavuze ijambo mu izina ry'aba- na makumyabiri na bitanu ( 34,84% ), Arkidiyosezi ya Kigali itanga miliyoni cumi n'umunani n'ibihumbi magana arindwi mirongo inani n'umunani ( 22,89%), umukuru w'abasaleziyani atanga miliyoni cumi n'imwe n'ibihumbi magana icyenda na mirongo icyenda ( 14,60%), Ububiligi na Canada bitanga miliyoni enye n'ibihumbi magana atatu mirongo icyenda na kimwe na magana atanu ( 5,60% ) naho abakristu batanga miliyoni cumi n'umunani, ibihumbi magana abiri na mirongo irindwi na bitatu na amafaranga mirongo ine n'umunani ( 22,26% ). Uwari uhagarariye abakristu yavuze kandi ko hari ibindi bitarakorwa nabyo bikaba bikeneye andi mafaranga angana byibura na miliyoni umunani n'ibihumbi magana atanu. Yaboneyeho kandi gushimira abafashije muri icyo gikorwa cy'ingenzi gisa naho kigana ku musozo.

Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro Madamu Kayiraba Florence nawe yashimiye abakristu ba Paruwasi ya Kicukiro ndetse n'ababafashije bose kugira ngo biyubakire ruriya rusengero. Yasabye abari aho gufata umunota umwe bakibuka umwana wapfuye ku munsi ubanziriza ibyo birori

Umushumba wa Arkidiyosezi ya Kigali Musenyeri Tadeyo Ntihinyurwa nawe

Isakramentu ry'imbabazi ritwibutsa ko Yezu yabinyujije muri Kiliziya ye (Intumwa) igihe yagiraga ati abo muzakiza ibyaha bazaba babikijijwe abo muzabirekera bazabigumana. Aha niho yongera kwitura by'amayobera ariko nanone by'ukuri. Ingoro y'Imana itwumvisha neza ko turi abana b'Imana." Yakomeje ashimira abakristu ba Kicukiro babashije kwiyuzuriza Kiliziya nyuma y'imyaka ibiri gusa bagize icyo gitekerezo, ngo nubwo bafite inshuti, bafashijwe kuko bifashije. Yanahishuye kandi ko yibutsa amwe mu mateka y'iyo Paruwasi.Paruwasi ya Kicukiro yashinzwe mu 1963. Na mbere yaho ariko Abasaleziyani bari barashakiye abakristu ba Kicukiro aho bakikinga bagasenga. Igihe amaparuwasi yo muri Arikidiyosezi ya Kigali yari akibarirwa muri Kabgayi, Abasaleziyani bari baragiranye amasezerano n' umushumba wa diyosezi ya Kabgayi ko nibarangiza akazi kabo muri ETO Kicukiro bari barashinze ko bazava muri paruwasi ya Kicukiro burundu. Igihe cyarageze ariko basanga atari ngombwa kristu. Yavuze ko na mbere y'intambara abaturage ba satarali ya Gatare bari basanzwe bafite umushinga wo kubaka kiliziya. Ku bijyanye n'ibyaba byarakoreshejwe mu kubaka iyo kiliziya, Nsabimana Gratien yavuze ko imaze gutwara akayabo k'amafaranfa angana na miliyoni mirongo inani n'ebyiri, ibihumbi mirongo irindwi na bitanu n'amafaranga magana atanu na mirongo ine n'umunani ( 82.075.0548 ). Ubutaliyani bwatanzeho inkunga ingana na miliyoni makumyabiri n'umunani n'ibihumbi magana atandatu yongeye gushimira abakristu ba Kicukiro batekereje kubaka ingoro yo guhimbarizamo Imana none bakaba barabigezeho kubera ukwemera kwabo kwatumye babasha kwihangana. Yarangije asaba Imana ko yahora ireba ingoro yabo. Ibyo birori byose byaherekezwaga n'imbyino z'itorero Imanzi n'indi mikino yari yateganyirijwe kwizihiza uwo munsi.

**Higiro Adolphe**

# Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bakoze inama yabo isanzwe y'igihembwe cya mbere cy'uyu mwaka

Kuva ku wa kabiri tariki ya 18 kugera ku wa gatanu tariki ya 21 Mutarama 2005, Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda bahuriye i Kigali mu nama yabo isanzwe y'igihembwe cya mbere cy'umwaka 2005.

Bamaze kuganira ku makuru y'ubuzima bwa Diyosezi zabo, abepiskopi bagejejweho raporo z'abashinzwe guhuza imirimo ya gitumwa Diyosezi zose zihuriraho: Ubunyamabanga bw'Inama y'Abepiskopi; Ibiro bishinzwe imyigishirize Gatolika; Kinyamateka na Radio Maria-Rwanda ku buryo burambuye.

Abepiskopi bigiye hamwe ibikorwa Kiliziya Gatolika yihariye n'ibyo ihuriyeho n'abandi: Amashuri, GEMECA, Cité Nazareth y'i Mbare muri Diyosezi ya Kabgayi, Komisiyo y'Ibiro by'Abepiskopi ishinzwe ibirebana n'Ubutabera n'Amahoro, Ishuri Rikuru ry'Inderabarezi n'Imyigishirize ya Gatigisimu ry'i Butare Kiliziya y'u Rwanda ihuriyeho n'iy'i Burundi (ISPC), ibiro mpuzamatorero bishinzwe iby'ubuvuzi (BUFMAR), Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda (Société Biblique au Rwanda). Kuri iyi ngingo ya nyuma, Abepiskopi bishimiye ko Bibiliya Mpuzamatorero mu Kinyarwanda imaze kuboneka, ikaba yaramurikiwe Abakristu ba Kiliziya n'Amatorero y'Abaporotesitanti n'Abadivantisiti b'Umunsi wa Kalindwi ku itariki ya 23 Mutarama 2005 i Kigali, mu gusoza icyumweru cyo gusabira ubumwe bw'Abakristu.
Abepiskopi bongeye kunoza imyiteguro y'urugendo bazagirira i Roma ku ntebe y'ubuyobozi bukuru bwa Kiliziya kuva ku itariki ya 16 kugeza ku ya 21 Gicurasi 2005; urwo rugendo ruba nyuma ya buri myaka itanu. Bazaganira na Papa n'Abafasha be ba hafi.

Abepiskopi bakiriye intumwa ya Papa mu Rwanda, Nyiricyubahiro Myr Anselmo GUIDO PECORARI, wabagejejeho amakuru yo mu buyobozi bwa Kiliziya i Roma aho aherutse. Yababwiye ko Papa n'abamufasha mu buyobozi biteguye kubakira muri Gicurasi 2005.

Abepiskopi basuzumiye hamwe imbanzirizamushinga y'ivugururwa ry'amasezerano hagati ya Leta na Kiliziya mu rwego rw'amashuri.

Umwepiskopi ushinzwe Komisiyo y'Imyigishirize ya Gatigisimu yagejeje kuri bagenzi be umushinga w'igitabo cyo kwigisha Gatigisimu mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza kigenewe umwarimu. Abepiskopi bifuje ko icyo gitabo cyanonosorwa ngo gishobore kwemezwa burundu mu nama yabo bitarenze mu mpera z'ukwezi kwa Werurwe 2005.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 21 Mutarama 2005

**Padri Théotime GATETE**
**Umunyamabanga Mukuru w'Inama y'Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda**
**(Sé)**

# Uburenganzira bwa muntu muri Gacaca bugomba kubahirizwa

Ku itariki ya 14/1/05, Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa muntu yateguye inama y'umunsi umwe muri Hoteli Intercontinentale, hagamijwe gushyira ahagaragara ibimaze kugerwaho n'iyo Komisiyo mu kureba uko uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa muri Gacaca.

Mu ijambo yavuze ryo guha ikaze abaje muri iyo nama, Umuyobozi w'iyo komisiyo Kayitesi Zayinabu, yasobanuye uko itsembabwoko ryakozwe rigahitana abantu benshi. Yerekanye uko Leta y'ubumwe imaze kujyaho yahanganye n'ingaruka za Jenoside bahereye mu kubaka inzego zari zarasenyutse no kureba uburyo abagize uruhare muri Jenoside bacibwa imanza, kugeza ubwo bigaragaye ko bitashoboka hakoreshejwe ubucamanza busanzwe, bityo bakaba barabonye byarangira hashyizweho Gacaca. Yerekanye ukuntu byagoranye kugeza na nubu ariko bikaba bitera agatambwe, maze aboneraho no gushima abagize uruhare mu gufasha Gacaca.

Minisitiri w'ubutabera Madame Mukabagwiza Edda, afungura iyo nama ku mugaragaro, nawe yasobanuye uburyo kubaka igihugu nyuma ya Jenoside byagoranye, kuvugurura ubucamanza no gushyiraho abacamanza bafite ubushobozi kugeza ku rwego rw'Akarere; Gushyiraho Abunzi; Inyangamugayo za Gacaca no gusobanura gahunda yayo n'icyo igamije, ndetse no gushyiraho amategeko. Yashi- Komisiyo y'uburenganzira bwa muntu yagaragaje ko hari ibitagenda neza byagaragaye muri Gacaca bitagenze neza bikwiriye gukosorwa. Bagaragaje ko uburenganzira bw'abashinja, ubw'abashinjwa, ubw'abatangabuhamya n'ubundi burenganzira bugomba kwitabwaho kugira ngo hatagira urengana. Basobanuye ko bakoze raporo bakayohereza inzego zibishinzwe ariko ikibabaje ni uko muri iyo nama abantu bose babajije iyo raporo yanditse kugira ngo biganirweho kuko n'iyo nama aricyo yari igamije, ariko ikabura, bakavuga ko ntayo bazanye, uretse ko basezeranijwe kuzayohererezwa! Ikindi cyagaragaye muri iyo nama kitanejeje abantu ndetse bagataha babyibaza, nukubona umuyobozi cyangwa umuhuzabikorwa wa Gacaca ataragaragaye muri iyo nama yasuzumaga ibya Gacaca!

Abanyamakuru babaza umuyobozi wa Komisiyo y'uburenganzira bwa muntu, yasubije ko batumiwe ariko akaba nawe atazi impamvu zatumye bataza, ndetse kuri we yemezaga ko hatumiwe n'abantu benshi mu nzego nyinshi, ariko icyagaragaye ni uko hari abantu bake!

Abatanze ibiganiro bagaragaje ko n'ubwo amategeko yerekeye Gacaca yashyizweho atashoboye gukemura ibibazo by'abantu, ari abarokotse, abakekwaho jenoside n'abatangabuhamya. N'ubwo hashyizweho inzego zo guhana ariko ngo na nubu ibibazo biracyahari. Bagaragaje ko mu



*Umuyobozi wa Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa muntu Madamu Kayitesi Zaïnabu*

zabonetswemo abagize uruhare muri jenoside, umubare w'abagize inama henshi ukunze kutuzura kubera ubushaka buke n'inyungu za bamwe.

Kwigisha abaturage no kureba niba amahugurwa yahawe Inyangamugayo hari icyo yamaze. Kudaharira abaturage bo hasi Gacaca hakajyamo n'abayobozi, umutekano

igihugu, cyane cyane ibihugu by'uburayi ku nkunga nyinshi zikomeye bahaye Leta y'u Rwanda.

Muri iyo nama yateranye bucya hatangizwa icyiciro cya gatatu cya Gacaca, abayobozi. Ngo hagaragara ubwoba n'umujinya ku bandi, ihohoterwa no kudahana... Ubushobozi buke bw'inyangamugayo za Gacaca, abadatuma Gacaca ijya mbere, izo Nyangamugayo zimwe

Hamwe n'ibindi bitagenda neza Maître Nkongoli we abona ari nk'imashini itagira amavuta. Hakaba harasabwe ko Leta ikwiriye kureba ubundi buryo bwa koreshwa kugira ngo dusohoke mu bitubuza gushyira Gacaca mu bikorwa.

w'abatangabuhamya ukaba ugomba kwitabwaho kugira ngo dutegure ahazaza heza dushyize imbaraga mu bumwe n'ubwiyunge tuvugisha ukuri.

**Habiyambere Valens**

# Kurwanya ruswa si ukubivuga gusa

Ku isi yose havugwa ruswa ariko byagera muri Afurika bikaba ingeso. Kubivuga biroroshye ariko kumenya no gufata abariye iyo ruswa biragora kuko itangwa mu buryo bwinshi kandi bw'ibanga. Kimwe n'ahandi iravugiriza no mu Rwanda ikavugwa, ndetse n'ingamba zo kuyirwanya zishyirwaho, ariko kuzamenya uko bikorwa mu Rwanda no kuzafatira abantu mu cyuho biragoye kuko kwica ijisho bishobora kuba ari ruswa bitewe n'icyo uri bukorane nuwakwiciye ijisho nyuma.

Mu Rwanda hashyizweho Itegeko N°23/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo. Kuva ryashyirwaho mu mwaka wa 2003 nta mibare ifatika y'abahamwe n'iryo Tegeko kandi usanga mu nzego nyinshi bivugwa ko hari ruswa n'ibifitanye isano nayo bihari! Hari n'izindi nzego zashyizwe mu rwego rwo kurwanya ruswa: Urwego rw'Umuvunyi Mukuru; Urwego rw'Umuge-nzuzi Mukuru w'imari ya Leta; Urwego rushinzwe gutanga amasoko ya Leta; Polisi y'Igihugu; Ikigo cy'Igihugu cy'ibizamini, n'Ikigo gishinzwe kwakira imisoro n'ama-horo.

Mu rwego rwo gushaka uko iyo ruswa yagabanuka, ku itariki ya 10/1/05 muri Hoteli Intercontinental habereye inama yo gutangiza ishyami mu Rwanda ry'Ihuriro Nyafurika ry'Abadepite ryo kurwanya ruswa, ari ryo APNAC mu magambo ahinnye. Iryo huriro ryatangijwe n'Abadepite 25 bitabujije n'abandi babishaka kuzarijyamo.

Umuyobozi w'iryo huriro mu Rwanda Depite Mukayuhi Constance yasobanuye ko muri gahunda y'imiyoborere myiza, kurwanya ruswa ari cyo kigomba gushyirwa imbere. Yasobanuye ko ruswa ivugwa muri Afurika imaze kuba icyorezo, kuyirwanya bikaba bisaba ingufu. Nk'uko yabisobanuye, igitekerezo cyo gushyiraho APNAC(African Parliamentarians Network Against Corruption), cyavutse mu kwezi kwa 2/1999 mu nama yabereye Kampala muri Uganda ubwo habaga inama nyunguranabitekerezo y'Abadepite bahagarariye uturere twa Afurika dutandukanye. Iyo nama yari yerekeranye n'imiyoborere myiza, ariko ikibanda cyane ku bijyanye n'uruhare rw'Inteko zishina Amategeko mu kurwanya ruswa.

Ni muri urwo rwego bashyizeho APNAC ku rwego rwa Afurika, ariko buri gihugu kikazajya kigira ishami ryacyo. Kugeza kuri uwo munsi hatangizwaga ishami rya APNAC mu Rwanda, iryo huriro ryari rimaze gushingwa muri Tanzaniya, Kenya, Ghana na Afurika y'Epfo. Umuyobozi wa APNAC ku rwego rwa Afurika Ruzindana Augustin wo muri Uganda, yishimiye ko iryo huriro ritangijwe mu Rwanda. Yasobanuye ko ruswa yishe ubuzima bwa Politike n'inzego zacu ndetse n'ubucuruzi. Ruswa ngo yimika ingoma z'igitugu. Yanasobanuye ko kuvuga ibyo kuyirwanya no gushyiraho amategeko bidahagije, ahubwo inzego zose zirwanya ruswa ngo zagombye guhabwa ingufu kandi zigashyigikirwa n'Inteko Ishingamategeko ku buryo ruswa itarwanywa mu magambo gusa. "Abantu bagaragaweho ruswa n'ibijyanye nayo ntibagomba kwirukanwa gusa, ahubwo bagomba guhanwa". Yasoje ijambo rye ashima inkunga Canada yateye u Rwanda mu gutangiza iryo huriro binyujijwe mu kigega cyayo gitsura amajyambere.

Afungura ku mugaragaro iryo huriro APNAC ryari rivutse, Umuyobozi wa Sena Dr. Biruta Visenti yasobanuye ko ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo ari icyorezo. Muri Afurika ngo imunga ubukungu bwari busanzwe bucumbagira. Ruswa ngo igira isura n'imiterere myinshi. Aho yabaye akarande ngo iramenyerwa bikaba ingeso. Yasobanuye ko imbaraga zikwiye gushyirwa mu kwigisha, kuyirwanya...

"*Tugomba gushyiraho inzego zo kuyirwanya ariko urugero rukatubonekamo*". Yemereye aho ko mu izina ry'Imitwe yombi y'Inteko bazatera APNAC inkunga. Yasabye ko harebwa Amasezerano Mpuzamahanga yose arebana no kurwanya ruswa atarasinywa bigakorwa vuba. (Aha twakwibutsa ko ibihugu bimaze gusinya ayo masezerano byari 54 icyo gihe). "Nidutsinda ruswa, tuzaba dutsinze kandi dushyize mu bikorwa gahunda yo kurwanya ubukene". Yasoje ijambo rye akangurira n'abandi Badepite mu Mitwe yombi kwinjira muri iryo huriro kugira ngo bafatanye muri urwo rugamba rwo kurwanya ruswa.

**Ni izihe nshingano z'iryo huriro mu Rwanda?**

Kongera ubushobozi bw'abagize Inteko Ishinamategeko ku byerekeye kurwanya ruswa mu gihugu cyacu binyuze mu nshingano y'Inteko yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma; Kungurana ibitekerezo no guhana amakuru n'izindi nzego za Leta n'imiryango itegamiye kuri Leta bishinzwe kurwanya ruswa; Guhugura Abanyarwanda ku ngaruka mbi za ruswa mu gihugu, bagatanga raporo ku Nteko rusange z'imitwe yombi y'Inteko Ishingamategeko; Kumenyekanisha ibikorwa by'Inteko Ishingamategeko mu rwego rwo kurwanya ruswa; Kungurana ibitekerezo n'izindi nzego z'Inteko zo muri Afurika ku kibazo cya ruswa, n'ibyo zimaze kugeraho, bagashyiraho urunana rwo kurwanya ruswa; Gukora cyangwa gukoresha ubushakashatsi kuri ruswa mu Rwanda nko mu miterere cyangwa ku bimaze kugerwaho, ku ngaruka za ruswa ku mizamukire y'amajyambere n'imiyoborere myiza y'igihugu muri rusange. Abagize Ihuriro bazajya bakurikirana imirimo yo kurwanya ruswa, bashaka amakuru yose ajyanye n'icyo kibazo. Bashobora kugirana ibiganiro n'abashinzwe ako kazi mu rwego rw'Igihugu kugira ngo bashobore kurangiza inshingano zabo.

**Habiyambere Valens**

# "Bibiliya Ijambo ry'Imana" yamurikiwe abakristu

Hari hashize igihe kinini hari umushinga Kiliziya n'Amatorero yari ahuriyeho wo kwandika Bibiliya imwe yahuriraho kuko ubusanzwe Bakoresha izitandukanye. Icyo gikorwa cyarashyize kigerwaho.Ku cyumweru tariki ya 23/01/2005 nibwo hamuritswe ku mugaragaro iyo bibiliya yiswe "Bibiliya Ijambo ry'Imana". Uwo muhango wabereye kuri stade ya Nyamirambo. Wari witabiriwe na bamwe mu bayobozi ba kiliziya gatolika mu Rwanda, abahagarariye Amatorero y'Abaprotestanti mu Rwanda n'ab'Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda.Hari kandi n'abayoboke b'ayo madini. Iyo mihango yatangijwe n'indirimbo yo gusingiza ijambo ry'Imana n'amasengesho atandukanye yose yari ayo gushimira Imana kubera icyo gikorwa kigaragaza ubumwe bw'amadini yabashoboje. Icyo kikaba ari igikorwa umuryango wa Bibiliya mu Rwanda ugezeho.

**Amwe mu mateka ya Bibiliya mu Rwanda**

Nkuko [illegible]

wa Karindwi bakaba ariho bafatiye icyemezo cyo hushyira mu bikorwa uwo mushinga. Ngo nyuma yo kwiga neza, intera ya mbere yabaye iyo gusobanura ubutumwa bwiza bwanditswe na Mariko, agatabo gakubiyemo ubwo butumwa kakaba karasohotse mu icapiro mu 1981; ijambo ry'ibanze rikaba ryarashyizweho umukono na Nyakwigendera Musenyeri Andereya Perraudin wari umwepiskopi wa Kabgayi (mu izina ry'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda) na Musenyeri Adoniya Sebununguri umwepiskopi wa Diyosezi ya Kigali mu Itorero ry'Ubwepiskopi mu Rwanda mu izina ry'Inama y'Amatorero y'Abaprotestanti mu Rwanda.

Intera ya kabiri yabaye uyo gusobanura bibiliya yose mu 1982. Umuryango wa Bibiliya wagiye utegura inama nyinshi mpuzamahanga zikaba zaranitabiriwe n'abajyanama b'Umuryango wa Bibiliya ku isi yose ziga ku miterere n'imyandikire, habaho ndetse no kumvikana ku magambo y'ingenzi agaruka kenshi muri Bibiliya. Urugero rutangwa hano ni nk'urw'amazina y'ibitabo, amazina bwite y'abantu,

Rishya.
Amahano yagwiriye u Rwanda mu 1994, byatumye imirimo y'Umuryango wa Bibiliya, yaba iyo gusobanura ndetse n'indi yose isubikwa. Abakozi bamwe barishwe abandi barahunga, aho bakoreraga kimwe n'ahandi henshi mu Rwanda harasahurwa, harasenywa, ariko ngo Imana yakoze ibitangaza ibyari bimaze gukorwa birarindwa. Nyuma y'intambara kiliziya n'amatorero byongeye kwisuganya maze gahunda zo gusobanura zongera gutangira mu 1996.

**"Bibiliya Ijambo ry'Imana"**

Iri zina ryatoranyijwe mu nama y'ubuyobozi yateraniye i Kigali ku wa kabiri Nzeli 1998, riza gushimangirwa n'Inteko Rusange y'Umuryango. Iyi Bibiliya rero ngo yasobanuwe n'itsinda ry'abasobanuzi bavuye muri Kiliziya n'Amatorero y'Abaprotestanti n'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi. Bagiye bafashwa n'itsinda ry'abagenzuzi nabo bakomoka mu bice byose bihuriye kuri uwo murimo. Baterwaga inkunga kandi n'abajyanama b'abahanga muri za ndimi z'umwimerere Bibiliya yanditsemo bakaba bashinzwe isobanura rya Bibiliya mu ishyirahamwe ry'Imiryango ya Bibiliya ku isi yose.

**HIGIRO Adolphe**

## Itangazo ry'Abayobozi ba Kiliziya Gatolika, ab'Amatorero y'Abaprotestanti, n'Abitorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi Kubyerekeye: *"Bibiliya Ijambo ry'Imana"*

Ku itariki ya **23 Mutarama 2005**, mu cyumweru cyo gusabira ubumwe bw'Abakristo, abahagarariye Kiliziya Gatolika mu Rwanda, Inama Nkuru

Nkuko byasobanuwe n'Umunyamabanga Mukuru akaba n'Umuvugizi w'Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda Réverand Anastase H. KAJUGIRO, Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda watangijwe muri Nyakanga 1977 ufite inshingano nkuru zo Gusobanura, Kwandikisha no Kwamamaza Bibiliya n'indi migabane yayo mu kinyarwanda. Ubusanzwe Bibiliya y'umwimerere yanditswe mu Giheburayi, Icyaremayi n'Ikigereki, izo zikaba ari indimi zizwi n'abantu bake ku isi. Mbere y'uko Umuryango wa Bibiliya u Rwanda ushingwa mu Rwanda, Umuryango wa Bibiliya w'Ubwongereza n'Amahanga ngo niwo wafashaga abanyarwanda kubona ijambo ry'Imana. Ni muri urwo rwego uwo muryango wandikishije ubutumwa bune mu kinyarwanda mu 1914. Mu 1931 handikishijwe Isezerano Rishya, mu 1957 handikishwa Bibiliya yose yiswe "Bibiliya Yera".

Nkuko byakomeje bisobanurwa na Rév. A. KAJUGIRO, ngo biragaragara ko kuva icyo gihe kugeza ubu hari byinshi byahindutse mu rurimi rw'ikinyarwanda cyane cyane mu bijyanye n'imyandikire. Iyo niyo mpamvu yatumye mu 1979 Umuryango wa Bibiliya warateranyije inama yo kwiga niba hakwiye gusobanurwa indi Bibiliya mu kinyarwanda, abahagarariye Kiliziya Gatorika n'abahagarariye amatorero y'Abaprotestanti n'ab'itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi w'abantu. Ibyo bamaze kubyumvikanaho bashyizeho itsinda ry'abasobanuzi batanzwe na Kiliziya Gatolika, Inama Nkuru y'Abaprotestanti n'Itorero ry'Abadiventisti b'umunsi wa Karindwi mu Rwanda.

Intera ya gatatu yabaye iyo kwandika igitabo cy'Isezerano Rishya cyiswe "Inkuru Nziza K'umuntu Wese", kikaba cyarasohotse mu icapiro mu 1989 gitangazwa ku mugaragaro muri Cathédrale St. Michel i Kigali ku wa 11 Gashyantare 1990, rikaba kandi ryari riyobowe n'abayobozi ba Kiliziya Gatolika n'ab'Amatorero. Uwo muhango kandi ngo ukaba warahuye n'ifungurwa rya Nelson Mandela. Uwo ngo ni umwe mu minsi itazibagirana mu mateka ya Kiliziya Gatolika n'Amatorero ya Gikristo mu Rwanda.

### Bagize kirogoya

Nkuko byakomeje bisobanurwa kandi na Rév. A. Kajugiro, imirimo yo gusobanura Isezerano rya Kera yarakomeje nubwo byari mu bihe bikomeye by'imvururu n'intambara. Mu rwego rwo gusobanura Isezerano rya Kera, ngo byabaye ngombwa ko Umuryango wa Bibiliya wemeza ko ibitabo byo mu rwego rwa kabiri bira "Deutéro-Canoniques" bisobanurwa hifashishijwe Bibiliya Ntagatifu none ubu mu myandikire byashyizwe hagati y'Isezerano rya Kera n'Isezerano

y'Amatorero y'Abaprotestanti mu Rwanda, n'Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda, bibumbiye mu Muryango wa Bibiliya mu Rwanda, bateraniye i Kigali mu muhango w'imurikwa rya Bibiliya nshya bafatanije gusobanura mu Kinyarwanda cy'iki gihe muri iyi myaka 25 ishize.

Bamaze gusuzuma raporo ya burundu kubyerekeye uwo mushinga, basanze bikwiye gutangariza abantu bose ibi bikurikira:

1. Bashimye umurimo wose wakozwe n'Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda mu rwego rwo gusobanura Bibiliya yose mu kinyarwanda cy'iki gihe, yiswe "**BIBILIYA IJAMBO RY'IMANA**".

2. Bemeye ku mugaragaro ko "Bibiliya Ijambo ry'Imana" ikoreshwa muri Kiliziya Gatolika mu Matorero y'Abaprotestanti, no mu Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi. Ni igikorwa cyaturutse mu bufatanye bwabo.

3. Barashishikariza abakristo n'abandi bantu bose baharanira ukuri kwakira neza iyo Bibiliya nk'ubukungu bwiyongera ku bundi bugenewe abafite inyota yo kurushaho kumenya Ijambo ry'Imana no kuryoherwa naryo mu kinyarwanda cy'iki gihe kandi cyumvikanyweho.

4. Baributsa ko Bibiliya zari zisanzweho mu kinyarwanda ari zo "Bibiliya Yera " na Bibiliya Ntagatifu" zizakomeza gukoreshwa. "Bibiliya Ijambo ry'Imana" ije kuzunganira no kuba ikimenyetso gihoraho cy'ubumwe bwabo muri Kristo Yezu, Umukiza w'abantu bose.

Bikorewe i Kigali, ku wa 23 Mutarama 2005.

Mu izina ry'Abayobozi ba Kiliziya Gatolika mu Rwanda:
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda:
**Musenyeri Alegisi HABIYAMBERE,**

Mu izina ry'Inama Nkuru y'Amatorero y'Abaprotestanti mu Rwanda:
Perezida w'Inama Nkuru y'Amatorero y'Abaprotestanti mu Rwanda
**Musenyeri Onesifori RWAJE,**

Mu izina ry'Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda:
Perezida w'Itorero ry'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda
**Pastori Amoni RUGERINYANGE,**